REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°14/2018: **Taliki: 11–20 Gicurasi 2018**

Ryoherejwe kuwa 22 Gicurasi 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 11-20_Gicurasi_2018; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi mu majyaruguru y'Uburasirazuba, Amajyepfo ndetse n'amajyepfo y'Uburengerazuba ahandi hasigaye mu gihugu haboneka imvura iri ku kigero nk'icy'imvura isanzwe ihaboneka muri iyo minsi
- Ubutaka bwakomeje kwerekana ubuhehere buhagije kubera ibihe by'imvura turimo
- **21-31_Gicurasi_2018;** hateganyijwe **gucika intege kw'imvura** ariko amataliki y'irangira ry'igihembwe B agenda yegereza muri buri gace; kuburyo mu majyaruguru ndetse n'uburengerazuba ho hazagumana ibihe by'imvura muri iyi minsi 10 ije

I. Iriburiro

Muri 11-20_Gicurasi_2018; tubonako imvura yabaye ku kigero nk'igisanzwe kugeza hejuru; mu majyaruguru y'Uburasirazuba, Amajyepfo ndetse n'amajyepfo y'Uburengerazuba habonetse imvura nyinshi ugereranyije n'ahandi mu gihugu ndetse n'imvura isanzwe iboneka muri iyo minsi

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye hagati ya 11-20_Gicurasi_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20_Gicurasi_2018	11-20_Gicurasi
Kigali	6.4	32.5
Rusizi (Kamembe)	19.3	26.5
Rubavu (Gisenyi)	27.2	30.1
Nyamagabe (Gikongoro)	140.0	35.7
Ngoma (Kibungo)	31.6	36.4
Gicumbi (Byumba)	30.5	35.7
Busogo	54.3	51.3
Bugarama	60.0	33.6
Musanze (Ruhengeri)	29.3	45.5
Gitega	32.8	19.9
Rubengera	15.9	29.4
Byimana	77.7	56.2
Kawangire	8.3	10.3
Nyagatare	101.6	38.8

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 11-20_Gicurasi_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 01-10_Gicurasi_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Gicurasi_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Gicurasi



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Gicurasi_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Gicurasi



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 11-20_Gicurasi_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 11-20_Gicurasi; cyagaragaje ko Amajyaruguru y'Uburasirazuba; Amajyepfo ndetse n'amajyepfo y'Uburengerazuba habonetse imvura yaruse iyabonetse ahandi hose ikaba na nyinshi kuyari isanzwe iboneka ahandi hose mu gihugu haboneka kandi imvura iri ku kigero nk'isanzwe igwa kuri buri station; aho ku bupimiro bwa Nyamagabe na Nyagatare ariho habonetse imvura nyinshi mu gihugu ingana na mm140.0 ndetse na mm101.6 (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe1**); naho igiteranyo cy'imvura yaguye mu gice cya mbere cya Gicurasi_2018; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi mu bice byo hagati mu gihugu ugana uburengerazuba inaba ku kigero gisanzwe muri rusange hose mu gihugu (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Gicurasi.2018.igice cya mbere

Ikarita6: Gicurasi.2018.igice cya kabiri

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku bubobere bw'ubutaka mu gice cya mbere ndetse n'icya kabiri bya Gicurasi_2018; dusanga ububobere bukomeje kubera ibihingwa byinshi bitewe n'ubwiganze bw'iminsi y'imvura muri kino gihembwe cy'ihinga-B turi gusoza (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Gicurasi_2018

Mu gice cya gatatu cya Gicurasi_2018; hateganyijwe gucika intege kw'imvura ariko amataliki y'irangira ry'igihembwe B agenda yegereza muri buri gace; kuburyo mu majyaruguru ndetse n'uburengerazuba ho hazagumana ibihe by'imvura muri iyi minsi 10 ije:

- Mu Mujyi wa Kigali: hateganijwe imvura nk'iyabonetse mu minsi ishize (hagati ya mm30 na 40)
- Intara y'Uburasirazuba: amajyaruguru y'Uburasirazuba ndetse no mu Burasirazuba hagati; hateganijwe imvura izaba nyinshi ugereranyije n'ahandi muri iyi Ntara (hejuru ya mm40) ahandi hasigaye haboneka imvura iri hagati ya mm30 kugeza kuri 40
- Intara y'Amajyepfo: amajyepfo y'Uburengerazuba hateganijwe imvura izaba nyinshi ugereranyije n'ahandi muri iyi Ntara (hejuru ya mm40) ahandi hasigaye haboneka imvura iri hagati ya mm30 kugeza kuri 40
- Intara y'Uburengerazuba: Kugumana ibihe by'imvura (hejuru ya mm40)
- Intara y'Amajyaruguru: Kugumana ibihe by'imvura (hejuru ya mm40)

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Gicurasi_2018



Ikarita7: umunsi wa 21 kugeza kuwa 28 Gicurasi 2018

Ikarita8: umunsi wa 22 Gicurasi 2018 kugeza umunsi wa 04 Kamena 2018

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)